IMYANZURO Y'INAMA YA V Y'IGIHUGU Y'UMUSHYIKIRANO

I. INTANGIRIRO

Inama ya V y'Igihugu y'Umushyikirano yateranye kuva ku itariki ya 27 kugeza ku ya 28 Ukuboza 2007, mu Ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko, iyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul Kagame. Yahuje abantu bagera kuri 940, barimo abahagarariye Inama Njyanama z'Uturere, Abagize Guverinoma, Inteko Ishinga Amategeko (imitwe yombi), Abakuru b'Intara n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Abakuru b'Ingabo na Polisi, Abanyamabanga Bakuru muri za Minisiteri, abahagarariye inzego z'Ubucamanza, abahagarariye imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda, abikorera, abahagarariye amadini n'indi miryango itegamiye kuri Leta, abayobozi b'amashuri makuru, abahagarariye abanyarwanda baba mu mahanga (Diaspora) n'abandi batumiwe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika.

Uyu mwaka by'umwihariko hatumiwe n'Abahagarariye ibihugu byabo n'imiryango mpuzamahanga mu Rwanda.

Mu ijambo ritangiza inama, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yabanje kwifuriza abatumiwe mu nama umwaka mushya muhire, yizera ko Noheli bayirangije neza.

Yakomeje avuga ko ikigamijwe mu nama nk'iyi ari "dialogue" muri demokarasi- kuganira mu bwisanzure ntawe uhejwe kandi abantu bavugisha ukuri, bagamije kubonera umuti ibibazo by'igihugu.

Yishimiye ko umuco wo kwikemurira ibibazo umaze guhama agira ati : «uyu mwaka twatumiye n'abadutera inkunga mu iterambere kugira ngo bumve ibitekerezo n'ingamba abanyarwanda bafite zo kwiteza imbere, bahuriye hamwe n'abava mu Mirenge ndetse n'abandi banyarwanda baturutse hirya no hino ku isi, kugira ngo bacocere hamwe ibibazo by'igihugu cyabo banabishakire ibisubizo».

Iyi nama yibanze ku buryo bwo kubaka ubukungu bw'igihugu, bwo shingiro ryo gukemura n'ibindi bibazo: ibiganiro byose ari ibya gahunda y'impinduramatwara mu bukungu, uburezi, guhashya ingengabitekerezo ya jenoside cyangwa imisoreze ya Gacaca n'uruhare rwa Diaspora, byose niho biganisha.

Yagejeje ku bari mu nama ibikwiye gukorwa ngo twivane mu bukene:

- Abanyarwanda bagomba kumva uruhare rwabo, bagakora biha agaciro kandi mu bufatanye;
- Bakubakira kuri uwo musingi, babumbatira umutekano kandi barwanya ibitekerezo bibi byashenye igihugu;

Ibyo ariko bikazashoboka ari uko:

- Twubatse umuryango utuje urangwa n'abarezi barera barinda abana ibitekerezo bigeza ku bintu bibi;
- Duteza imbere imiyoborere myiza turwanya ruswa n'akarengane;
- Duhindura imyumvire, abaturage ntibakomeze guhanga amaso Leta, nayo ntiyahange abaterankunga.

Inzego zose zikwiye gukora zifitiye icyizere ziyumvisha ko ntacyazinanira mu gukemura ibibazo ari iby'imiturire, imikoreshereze y'ubutaka, gutura mu midugudu n'ibindi. Mu mateka y'u Rwanda bigaragara ko iyo buri gihe abanyarwanda bashyiraga imbaraga zabo hamwe ibyinshi bagiye babigeraho.

Umukuru w'igihugu yagarutse ku buryo bushya bwo gukora buranga iki gihugu bugaragarira mu mihigo, gahunda y'imbaturabukungu n'itorero: byose bidufasha kujya mu cyerekezo nk'umurage utuma twihuta mu iterambere.

Yashoje ijambo rye akangurira abanyarwanda bari imbere mu gihugu n'abari hanze kurangwa n'umuco wo kwitanga, gukora tugamije inyungu, asaba ko tuva mu magambo tukajya mu bikorwa.

Nyuma y'ijambo ritangiza inama, hakurikiyeho raporo ya Minisitiri w'Intebe igaragaza ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro 34 y'Inama ya IV y'Umushyikirano, iyo raporo ikurikije inkingi za gahunda ya Guverinoma arizo ubukungu, ubutabera, imiyoborere myiza n'imibereho myiza y'abaturage.

Minisitiri w'Intebe yayishoje ashimira abakoranye umwete, kuko byinshi byagezweho, asaba abagize intege nke cyangwa uburangare kwisubiraho.

II. UKO INAMA YAGENZE

Nyuma y'iyo raporo hatanzwe ibiganiro bikurikira:

- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Imiyoborere Myiza, Amajyambere Rusange n'Imibereho Myiza y'Abaturage: Gahunda y'impinduramatwara mu bukungu (Economic revolution);

- Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye muri Minisiteri y'Uburezi: Uburezi nk'umusingi w'iterambere ry'ubukungu rirambye;

- Intumwa Nkuru ya Leta/Minisitiri w'Ubutabera : Gahunda yo guhashya ingengabitekerezo ya jenoside n'imisoreze y'inkiko Gacaca;

- Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane:Uruhare rw'abanyarwanda baba mu mahanga mu iterambere ry'u Rwanda.

Nyuma ya buri kiganiro abari mu nama bagiye batanga inama n'ibitekerezo ari nabyo byavuyemo imyanzuro yafashwe.

Ibiganiro birangiye Abayobozi b'Uturere n'Umujyi wa Kigali besheje imihigo ya 2007 bahigira n'ibyo bazageraho mu mwaka wa 2008.
Minisitiri w'Intebe yatanze ikiganiro ku buryo isuzumwa ry'imihigo y'umwaka wa 2007 ryagenze, anatangaza ku mugaragaro uko Uturere twa Nyagatare na Musanze twabaye utwa mbere mu Turere 10 twagenzuwe.

III. IMYANZURO YAFASHWE

A. Mu rwego rw'Imiyoborere Myiza

1. Gushyira umwete mu bikorwa byose byadufasha guhindura imyumvire, abanyarwanda ntibakomeze guhanga amaso Leta, Leta nayo ntikomeze guhanga amaso abaterankunga, tukava mu magambo, tukajya mu bikorwa bigaragara;

2. Kwihutisha gushyira mu bikorwa gahunda yo gutura mu midugudu mu cyaro no guteza imbere imiturire iboneye mu mijyi, hitabwa ku gufata amazi ava mu ngo, ku kurwanya isuri, kurengera ibikorwa remezo n'ibidukikije muri rusange;

3. Guha imbaraga zihagije gahunda y'Itorero ku buryo buri munyarwanda yarijyamo, bityo Itorero rikaba ishingiro ry'iterambere, abaturage bagasubirana umuco wo kwishakamo ibisubizo by'ibibazo byabo;

B. Mu rwego rw'Imibereho Myiza y'Abaturage.

4. Kurangiza ikibazo cyo kubakira amacumbi abacitse ku icumu batishoboye kandi ababishinzwe bakabigenzura;

5. Gushyiraho ibyashingirwaho (criteria) mu gushinga amashuri kugira ngo abikorera babishoboye bagire uruhare rugaragara mu burezi;

6. Gushakira abanyeshuri barangiza mu Rwanda amahugurwa yo kubamenyereza akazi (internship) mu bihugu byateye imbere;

7. Kuzashyikiriza Inama y'Abaminisitiri dosiye ya UNILAK kugira ngo izafatweho umwanzuro;

8. Guhuza Kalendari na za porogaramu z'amashuri yo mu Rwanda n'izo muri East African Community kugira ngo abanyeshuri bagiye kuhiga biborohere;

9. Kwihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 (9 years basic education);

10. Gukangurira ababyeyi, abarimu n'abayobozi b'inzego z'ibanze ubufatanye mu bibazo by'uburezi, haba mu kurwanya ingengabitekerezo mu mashuri, haba mu kurwanya ingeso mbi nko kunywa urumogi n'ibindi;

11. Gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda yo kuringaniza urubyaro ;

C. Mu Rwego rw'Ubutabera.

12. Gushyigikira ko amadosiye y'abakurikiranyweho icyaha cya Jenosidie bo mu rwego rwa mbere yashyikirizwa Inkiko Gaca kimwe n'amadosiye y'abakurikiranyweho icyo cyaha yari yarageze mu nkiko zisanzwe, kubera ko imikorere yazo yashimwe muri rusange kandi zikaba zafasha izo manza kwihuta;

13. Kwihutisha ishyirwaho ry'abakomiseri bateganywa n'Itegeko rishyiraho Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya jenoside;

14. Diaspora : gufasha mu gikorwa cyo gukurikirana abaregwa jenoside bacumbikiwe n'ibihugu barimo;

D. Mu rwego rw'Ubukungu.

15. Guhindura imitekerereze yo gukora: abakoresha bagakurikirana uko amasaha y'umurimo akoreshwa kugira ngo abakozi bahemberwe koko umurimo bakoze, kandi buri gihe hakajya hasuzumwa umusaruro bagezeho, imirimo ikorwa buri munsi na buri wese ikagaragarira mu mihigo no mu ntego;

16. Inzego za Leta n'iz'ibanze : gukangurira abanyarwanda guhagurukira umurimo zifasha abikorera n'abaturage guhanga imirimo itanga inyungu kandi bashyira imbaraga zabo hamwe. Muri urwo rwego mu mirenge yose hagashyirwaho abahwituzi b'umurimo bashinzwe gushishikariza abaturage guhagurukira gukora;

17. Gukoresha TIG na HIMO mu mirimo iteza imbere igihugu aho bishoboka hose;

18. Inzego za Leta n'iz'abikorera : gukorana mu bwuzuzanye n'ubufatanye (integrated approach) mu byiciro by'ubukungu bw'igihugu (primary, secondary and tertiary sectors) ;

19. Gushyigikira Diaspora kugira ngo igire uruhare rugaragara mu ishoramari mu Rwanda: kubegera no kubagira inama, kuborohereza gushora imari mu gihugu (biciye mu ishyirwaho rya "Rwanda Diaspora Investment Fund"), kohereza amafaranga yabo ku buryo bwihuse kandi buhendutse no mu kubona ibyangombwa byo kuza mu Rwanda (visa).

Bikorewe i Kigali ku wa 28 Ukuboza 2007